Amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi, ni ayazirura kugirana imibonano n'abagore

Hadithi yaturutse kwa Uq'bat Ibun Amir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi, ni ayazirura kugirana imibonano n'abagore."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko amabwiriza akwiye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa kuruta ayandi ari ya yandi yatumye abantu bazirurirwa abagore babo; ayo nayo akaba ari amabwiriza yemewe umugore asaba ko yubahiriza mu gihe cy'amasezerano yo gushyingiranwa.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/6021